

**AMABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUCURUZI N'INGANDA N°11/2011 YO KUWA 06/06/2011 YEREKEYE ITUNGANYWA N'ICURUZWA RY'UMUCERI**

**INSTRUCTIONS OF THE MINISTER OF TRADE AND INDUSTRY N°11/2011 OF 06/06/2011 ON RICE PROCESSING AND TRADING**

**MINISITIRI W'UBUCURUZI N'INGANDA,**

**THE MINISTER OF TRADE AND INDUSTRY**

Ashingiye ku Itegeko n°15/2001 ryo kuwa 28 Mutarama 2001 rigenga ubucuruzi bw'imbere mu gihugu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 19 n'ya 20;

Pursuant to the Law n°15/2001 of 28<sup>th</sup> January 2001 concerning organization of Internal Trade especially in its articles 19 and 20;

Ashingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/4/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 4 n'ya 16;

Pursuant to the Law no 07/2009 of 27/04/2009 relating to Companies in its Articles 4 and 16;

Ashingiye ku Itegeko n°50/2007 ryo kuwa 18/09/2007 rigena ishyingirwaho, imitunganyirize n'imikorere y'amakoperative mu Rwanda;

Pursuant to Law n° 50/2007 of 18/09/2007 providing for the establishment, organization and functioning of Cooperative Organizations in Rwanda;

Ashingiye kuri Politiki y'ubucuruzi mu Rwanda ya 2010 igaragaza imitunganyirize y'ubucuruzi mu Rwanda ;

Considering the Rwanda Trade Policy 2010 that stipulates the organization of trade in Rwanda;

Ashingiye kuri Politiki y'u Rwanda ijyanye n'ipiganwa mu bucuruzi no kurengera abaguzi yo mu mwaka wa 2010;

Considering the Rwanda Competition and Consumer Protection Policy 2010;

Ashingiye kuri Politiki y'u Rwanda y'Ubuziranenge yo mu mwaka wa 2010;

Considering the Rwanda Quality Policy 2010;

Ashingiye ku nshingano yo gushyira mu bikorwa Politiki y'igihingwa cy'umuceri mu Rwanda yo mu mwaka wa 2010;

Having the determination of implementing the Rwanda Rice Policy 2010;

Ashingiye ko uburyo bwo gucuruza umuceri uhingwa mu Rwanda kimwe n'uturuka mu mahanga bugomba kugira amategeko abugenga kugira ngo ihiganwa rikorwe neza kandi hitawe no ku nyungu z'abaguzi ;

Considering that distribution channels for locally produced and imported rice need to be properly regulated in order to ensure fair competition and value for money to the consumers;

Ashingiye ku byemezo by'inama zinyuranye zagiye impaka ku

Basing on the resolutions of different rice meetings that discussed the

bibazo byerekeye umuceri;

Amaze kubiganiraho n'abafatanyabikorwa b'ingenzi barebwa n'ibi bibazo ;

**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda**, mu bubasha bwe nka Minisitiri ufite ubucuruzi mu nshingano ze;

**ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA ASHYIRAHU UMURONGO NGENDERWAHO MU BUCURUZI BW'UMUCERI AGOMBA GUKURIKIZWA N'ABACURUZI B'UMUCERI UDATONOYE, ABATUNGANYA UMUCERI MU NGANDA, ABAGEMURA / ABARANGUZA, ABADANDA ZA KIMWE N'AMABWIRIZA AGENGA GUTUMIZA UMUCERI MU MAHANGA**

**UMUTWE WA MBERE : GUHA URUHUSHYA ABACURUZI B'UMUCERI UDATONOYE, ABATUNGANYA UMUCERI, ABAWUGEMURA/ABAWURANGUZA**

**Ingingo ya mbere :**

Umucuruzi w'umuceri udatonoye agomba kugira icyemezo ko yanditswe n'Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi (RDB) ndetse n'icyemezo kimuha uruhushya gitangwa na Minisitiri w'ubucuruzi n'inganda mbere yo gutangira gucuruza umuceri udatonoye. Abacuruzi b'umuceri udatonoye bashobora kuba amakoperative yabyiyemeje, amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa abantu ku giti cyabo bakora imirimo yo gucuruza umuceri udatonoye.

**Ingingo ya 2 :**

Abatunganya umuceri udatonoye mu nganda bose bagomba kuba bafite icyemezo cy'iyandikwa gitangwa n'Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi (RDB) ndetse n'icyemezo kibaha uruhushya gitangwa n'Ikigo cy'igihugu cy'ubuziranenge

issues;

After discussing the issues with the key stakeholders;

**The Minister of Trade and Industry** In his capacity as the Minister entrusted with the Ministry holding trade within his remit;

**HEREBY ISSUES INSTRUCTIONS FOR THE ESTABLISHMENT OF THE RICE SUPPLY CHAIN INCLUDING: PADDY RICE TRADERS, RICE PROCESSORS, DISTRIBUTORS/ WHOLESALERS AND RETAILERS AS WELL AS INSTRUCTIONS FOR IMPORTATION OF RICE**

**CHAPTER ONE: LICENSING OF PADDY RICE TRADERS, RICE PROCESSORS, DISTRIBUTOR/ WHOLESALERS**

**Article One:**

Paddy Rice trader shall hold a valid certificate of registration issued by the Registrar General of Companies (RDB) and an authorization permit issued by the Ministry of Trade and Industry before commencing paddy rice trading. Paddy rice traders may be cooperatives specialized in rice trading, companies or individual business people involved in Paddy Rice trading.

**Article 2:**

All Rice processors shall hold a valid certificate of registration issued by the Registrar General of Companies (RDB) and authorization permit issued by Rwanda Bureau of Standards (RBS) in line with the requirements of relevant standards before commencing rice processing.

(RBS) hakurikijwe ibipimo bisabwa cyangwa ngenderwaho mbere yo gutangira gukora imirimo yo gutunganya umuceri mu nganda. Uruhushya rwa RBS rutangwa nyuma yo kugisha inama Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda.

**Ingingo ya 3 :**

Abagemura umuceri/abawuranguza bagomba kugira icyemezo gifite agaciro gitangwa n'Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi (RDB) ndetse n'uruhushya rubemerera gukora rutangwa na Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda hubahirijwe ibisabwa bivugwa mu ngingo ya 4.

**Ingingo ya 4 :**

Abagemura umuceri/abaranguza bagomba kugira ububiko butunganye kandi buzwi bwujuje ibisabwa mubyerekeranye n'isuku ndetse n'ibindi bipimo ngenderwaho nko kuba ububiko bufite umwanya uhagije ku buryo hakorwa isuku bitagoranye, hari umwuka uhagije, hatwikiriye neza, hafite isaso (y'imbaho), hakingwa neza kandi hagenzurwa neza mu gihe bibaye ngombwa (hitawe ku gisenge ndetse no ku miryango) ndetse buri n'ahantu hagerwa nta ngorane. Kutubahiriza ibipimo bigenderwaho byerekeye ububiko bituma hafungwa na RBS.

**Ingingo ya 5 :**

Abadandaza umuceri bagomba kugira icyemezo gifite agaciro cyo kwiyandikisha gitangwa n'Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete n'ibikorwa by'ubucuruzi (RDB).

**UMUTWE WA II : UMUCERI WERA MU RWANDA**

**Ingingo ya 6:**

Abakozi b'inganda z'umuceri bakora mu byerekeranye no kugura umuceri udatonoye bawukura mu bahinzi cyangwa mu makoperative bagomba kugira ikarita ibaranga ndetse n'ibaruwa ibibemerera

The RBS permit will be issued with prior consultation with the Ministry of Trade and Industry.

**Article 3:**

Rice distributors/ wholesalers shall hold a valid certificate of registration issued by the Registrar General of Companies (RDB) and authorization permit issued by the Ministry of Trade and Industry subject to compliance with the requirements of article 4 below.

**Article 4:**

Rice distributors/ wholesalers shall have well established and recognized warehouse(s) that fulfill hygiene and other standards requirements such as; being spacious to allow easy cleaning, well aerated, properly roofed, having palettes, being easy to lock and ensure control in case need for doing so arises (considering roofs and entrances), having accessible location and location address.

Failure to comply with required warehouses standards shall lead to closure by RBS.

**Article 5:**

All rice retailers shall hold a valid certificate of registration issued by the Registrar General of Companies (RDB).

**CHAPTER II: LOCALLY PRODUCED RICE**

**Article 6:**

Rice Processing Units staff involved in purchasing of paddy rice from farmers/cooperatives shall have staff ID and authorizing letter issued by the Management of the Processing Unit while on duty.

itangwa n'Ubuyobozi bw'uruganda bakorera mu gihe cyose bari mu kazi.

**Ingingo ya 7:**

Gutumiza umuceri udatonoye mu mahanga byemerwa gusa mu gihe byubahiriza imirongo ngenderwaho yashyizweho muri urwo rwego na Minisitiri w'ubucuruzi n'inganda kandi yatangajwe ku itariki ya 22 Gashyantare 2011 cyane cyane mu ngingo zayo; iya 3 (ingano y'ububiko), iya 5 (gutumiza umuceri mu mahanga mu gihe ari muke mu Rwanda) n'iya 6 (kubahiriza ubuziranenge bwawo).

**Ingingo ya 8:**

Amakoperative n'amashyirahamwe y'abahinzi agomba kubika inyandiko zigaragaza ingano y'umuceri udatonoye bakiriye uturutse mu banyamuryango bayo ndetse n'ingano y'umuceri bagurishije abatunganya umuceri mu nganda babyemerewe.

Amakoperative agomba gutangaza abantu yagurishijeho umuceri udatonoye mu gihe batari abawutunganya mu nganda.

**Ingingo ya 9:**

Abatunganya umuceri mu nganda bagomba kugira imibare yerekana ingano y'umuceri bakiriye waturutse muri buri koperative cyangwa ku muntu wese wemerewe gucuruza umuceri udatonoye.

**Ingingo ya 10:**

Abatunganya umuceri mu nganda bose basabwa kugira urutonde rw'abagemura umuceri/abawuranguza bakorana nabo muri buri karere cyangwa umurenge. Urutonde rw'abagemura umuceri /abawuranguza babyemerewe rushyikirizwa Minisitiri w'ubucuruzi n'inganda mu rwego rw'igenzura.

**Article 7:**

Importation of paddy rice is allowed on condition that it respects the guidelines issued to that effect by the Minister of Trade and made public on 22 February 2011 especially in its articles 3 (size of consignments), 5 ( Importation during off peak season in Rwanda), 6( on quality compliance).

**Article 8:**

Farmers cooperatives and unions shall keep records of the amount of paddy rice they have received from their members and the amount sold to each licensed processor.

Cooperatives shall declare who they sell paddy rice to if not directly to processors.

**Article 9:**

Processors shall develop a data base indicating the amount of supply they have received from each cooperative and/or each licensed paddy trader.

**Article 10:**

All processing units will be required to appoint and register the authorized rice distributors/ wholesalers in each district or sector. A list of authorized distributors/ wholesalers shall be submitted to the Ministry of Trade and Industry for monitoring purposes.

**Ingingo ya 11:**

Abatunganya umuceri mu nganda bakwiye gushyiraho uburyo bwo kuwupakira mu dufuka duto tw'ibiro bibiri, bitanu cyangwa icumi twiyongera ku mifuka y'ibiro 25 na 50 hagamijwe guca intege abadandaza bongera kwipakirira umuceri ku buryo butemewe n'amategeko. Ingano y'umuceri wo mu ruganda upakirwa mu biro bitandukanye iterwa n'umuceri ukenewe ku isoko.

**Ingingo ya 12:**

Abatunganya umuceri mu nganda bagomba kureba neza ko ibyandikwa ku mifuka byujuje ibisabwa byerekeye ibipimo ngenderwaho basabwa mu kwandika ku bibikwamo ibiribwa harimo kugaragaza neza amazina yabo ndetse n'icyiciro umuceri urimo, bishobora kuba icyiciro cya mbere cyangwa icya 2, uko byagenda kose umuceri ucacaguye ntushobora kurenza 25%. Icyiciro cya mbere n'icya 2 bipakirwa mu mifuka itandukanye kandi bikandikwaho neza n'abatunganya umuceri mu nganda bose.

**Ingingo ya 13:**

Ibikorwa by'abacuruzi b'umuceri udatonoye harimo n'amakoperative y'abahinzi bakoresha inganda z'umuceri ku buryo butazwi birabujijwe. Icyakora, inganda zitonora/zitunganya umuceri zemerewe gukora amasezerano yo gutunganya umuceri. Muri icyo gihe, ku mufuka ushyirwamo umuceri batunganyije buri gihe handikwaho uwatunganyije umuceri, umukiliya ndetse n'icyiciro cyawo.

Inganda zose zakoze amasezerano yo gutonora umuceri zishyikiriza Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda urutonde rwa bene ayo masezerano. Ayo masezerano akorwa n'abagemura umuceri, abawuranguza, amaduka manini azwi cyangwa abawohereza mu mahanga.

**Article 11:**

Processors shall adopt a new standardized approach of packing in bags of smaller quantities like 2kg, 5kg or 10kg, in addition to 25kg and 50kg in order to discourage illegal re-bagging performed by some retailers. The amount of factory production to be packaged in different quantities shall depend on prevailing market demand.

**Article 12:**

Processors shall make sure that labeling of packaging bags meets the requirements of pre-packaged food standards including clear specifications of their brand name and the grades which shall only be grade 1 or grade 2, in any case, broken rice not exceeding 25%. Grade 1 and 2 shall always be bagged separately and rightly labeled by all processing plants.

**Article 13:**

Illegal milling activities<sup>1</sup> for paddy rice traders and farmers cooperatives by processing units is prohibited. However, contract milling will be allowed to be done by authorized and approved milling/processing plants. In such case, labeling will always indicate the processor, the client and the grade.

All processing plants engaged in contract milling shall submit a list of such contracts to the Ministry of Trade and Industry. Beneficiaries of such contracts shall either be authorized distributors, wholesalers, chain supermarkets or exporters.

**UMUTWE WA III: UMUCERI UVANYWA MU MAHANGA**

**Ingingo ya 14:**

Abatumiza umuceri mu mahanga bose bagomba kugira icyemezo cyo kwiyandikisha gitangwa n'Umwanditsi Mukuru w'amasosiyete n'ubucuruzi (RDB) ndetse n'uruhushya rubemerera gutumiza umuceri mu mahanga rutangwa na Minisiteri y'ubucuruzi n'inganda. Abatumiza umuceri mu mahanga bose bagomba kuba abaranguza kandi bujuje ibisabwa mu ngingo ya 4.

**Ingingo ya 15:**

Abatumiza umuceri mu mahanga bose bagomba kumenya kandi bakubahiriza ibipimo by'ubuziranenge by'u Rwanda byerekeye umuceri kandi bakabimenyesha abacuruzi n'inganda zo mu mahanga baguraho umuceri.

**Ingingo ya 16:**

Umuceri uvanywa mu mahanga ugomba kuba ufite ibyemezo by'ubuziranenge byatanzwe na za laboratwari zemewe. Mu kubahiriza iri hame, abatuziza umuceri mu mahanga utujuje ibisabwa barabiryoza mu rwego rw'amategeko.

**Ingingo ya 17:**

Umuceri utumijwe mu mahanga udashobora kuribwa n'abantu nk'uko biteganywa n'ibipimo by'ubuziranenge ngenderwaho byo mu Rwanda ntiwemerewe gucuruzwa ku isoko ryo mu Rwanda.

**Ingingo ya 18:**

Umuceri utumizwa mu mahanga ushobora kuribwa, ariko ibyanditse

**CHAPTER III: IMPORTED RICE**

**Article 14:**

All Rice importers shall hold a valid certificate of registration issued by the Registrar General of Companies (RDB) and an authorization permit issued by the Ministry of Trade and Industry. All rice importers shall be wholesalers and shall comply with the requirements of article 4.

**Article 15:**

All rice importers shall own and comply with Rwanda Rice Standard and make sure that it is shared with his/her manufacturer/supplier.

**Article 16:**

Imported Rice shall fulfill quality control measures demonstrated by certificates of analysis or test reports establishing conformity status from recognized laboratories. Therefore, Importers who import substandard rice shall be legally responsible for their substandard rice.

**Article 17:**

Imported rice not fit for human consumption as stipulated by Rwanda Standards shall not be allowed to enter the Rwandan Market.

**Article 18:**

Imported rice that is fit for consumption, but is mislabeled, i.e contrary

ku mifuka cyangwa ku mapaki uzamo binyuranyije n'ukuri cyangwa bitubahiriza amabwiriza ngenderwaho mu bucuruzi bw'umuceri mu Rwanda, ucibwa ihazabu mbere yo kwinjira mu gihugu.

Icyo gihe, umucuruzi wawutumije afite inshingano yo gukosora ibyanditse bitari ukuri mbere yo kuwushyira ku isoko.

**UMUTWE WA IV: IBINDI BINTU BISABWA KU MUCERI WERA MU GIHUGU N'UTUMIZWA MU MAHANGA**

**Ingingo ya 19:**

Inganda zitunganya umuceri, abawugemura/abawuranguza n'abawutumiza mu mahanga bagomba kubika inyandiko z'abakiliya babo bagemurira zigaragaza ingano y'umuceri bagemuye kandi bakagera kopi y'izo nyandiko Minisiteri y'Ubucuruzi n'Inganda buri gihe babisabwe ku mpamvu z'ikurikiranamikorere.

**Ingingo ya 20:**

Abacuruzi bagemura umuceri, abawuranguza n'abawutumiza mu mahanga bagomba kureba ko imodoka zitwara umuceri zitinjirwamo n'amazi kugira ngo barinde umuceri kwangirika biturutse no kwinjirwamo n'ibiwutera ubwandu.

**Ingingo ya 21:**

Inganda zitunganya umuceri, abawugemura n'abawuranguza ntibemerewe kuwudandaza kugira ngo batica isoko ryo kudandaza. Bemerewe gusa kuwuranguza.

**Ingingo ya 22:**

Uburiganya bwo guhindura ibyiciro by' umuceri cyangwa kuvanga umuceri wo mu byiciro no mu bwoko bitandukanye binyuranyije n'amategeko kandi bihanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

to acceptable Rwanda standards shall be fined before it is allowed to enter the country.

In which case, the importer shall have to label it correctly before he/she takes it to the market.

**CHAPTER IV: OTHER REQUIREMENTS APPLICABLE TO LOCAL AND IMPORTED RICE**

**Article 19:**

Processors, Distributors/ wholesalers/Importers shall keep records of the clients they supply indicating the quantity supplied and avail copies of the records to the Ministry of Trade and Industry each time requested to do so for monitoring purposes.

**Article 20:**

Distributors/wholesalers/importers shall ensure that vehicles transporting rice are water proof so as to avoid rice deterioration along delivery chain associated with great risks of mycotoxins.

**Article 21:**

Processors, Distributors / wholesalers/importers shall not retail to avoid unfair competition with retailers. They will only be allowed to wholesale.

**Article 22:**

Rice adulteration or mixing of rice grades and brands is illegal and shall be punished according to Rwandan laws.

**Ingingo ya 23:**

Abantu bose bari mu bucuruzi bw'umuceri bagomba kugira inyandiko isomeka neza kandi idasibangana igaragaza igihugu umuceri waturutsemo, ubwoko bwawo, icyiciro urimo, igiciro, uruganda rwawutunganyije ndetse n'igihe ntarengwa uzasazira kandi izo nyandiko zigomba kuba zigaragarira abakiliya bose.

**Ingingo ya 24:**

Umuntu wese uzanyuranya n'ibiteganywa n'aya mabwiriza azahanwa hakurikijwe amategeko y'u Rwanda.

**Ingingo ya 25:**

Inzego zose z'igihugu, harimo n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze basabwe kugira uruhare mu gushyira mu bikorwa aya mabwiriza.

**Ingingo ya 26:**

Aya mabwiriza atangira kubahirizwa ku itariki ashiriweho umukono.

Bikorewe i Kigali, kuwa 06/06/2011

(sé)  
**KANIMBA François**  
**Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda**

**Article 23:**

The entire rice chain dealers shall have legible and indelible menu indicating the country of origin, brand, grade, price, manufacturer and expiry date made publicly accessible to all customers.

**Article 24:**

Any person who will act contrary to these instructions shall be punished according to Rwandan laws.

**Article 25:**

All Governments institutions including Local Government authorities are required to assist in the enforcement of these instructions.

**Article 26:**

These instructions shall come into force on the day of their signature.

Done at Kigali, on 06/06/2011

(sé)  
**KANIMBA François**  
**Minister of Trade and Industry**